# 122: Ukunda kujy'ambabarira

1.
Ukunda kujy'ambabarira N' Umukiza. Umfasha kujya nesh' ibibi N' Umukiza. Umwami wanjy' aranyizeza,Nanjye nkunda kumukorera, Kukw ashaka kubabarira Umwegera.

2.
Nkund' iyi nzira y'agakiza Y'Umukiza, Kukw ijy'intera kunezerwa Mu Mukiza. Nababazwa n'iby'isi cyane, Mfashwa no kujya mwizigira, Ngahora mpanz' amas'iteka Umukiza.

3.
Ndashima rwos' Uwankijije :Ni we Yesu. Kand' azanjyana mu bwami bwe Kukw ankunze. Nuko nemera gushorerwa N'Umwuka Wera w'Umukiza, Kukw ari Wo Mufash' uhamya Ibya Yesu.

Visit us at indirimbo.com